

ITEGEKO N°71/2018 RYO KU WA
31/08/2018 RYEREKEYE KURENGERA
UMWANA

LAW N°71/2018 OF 31/08/2018
RELATING TO THE PROTECTION OF
THE CHILD

LOI N°71/2018 DU 31/08/2018
RELATIVE À LA PROTECTION DE
L'ENFANT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Abo iri tegeko rireba

Article 2: Scope of application of this Law

Article 2: Champ d'application de la
présente loi

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3 : Définitions

UMUTWE WA II: KURENGERA
UMWANA

CHAPTER II: PROTECTION OF THE
CHILD

CHAPITRE II: PROTECTION DE
L'ENFANT

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira
bwihariye bw'umwana

Section One: Special rights of the child

Section première: Droits spéciaux de
l'enfant

Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'umwana
ku mikurire iboneye

Article 4: Right of the child to early
adequate development

Article 4: Droit de l'enfant au
développement adéquat

Ingingo ya 5: Kureshya kw'abana

Article 5: Equality of children

Article 5: Égalité des enfants

Ingingo ya 6: Ubwishingizi bw'indwara

Article 6: Medical insurance

Article 6: Assurance maladies

Ingingo ya 7: Uburenganzira bw'umwana
bwo gusuzumishwa no kuvuzwa

Article 7: Right of the child for medical
examination and treatment

Article 7: Droit de l'enfant à la consultation
médicale et au traitement

Ingingo ya 8: Kubona amakuru, kuruhuka
no kwidagadura

Article 8: Access to information, rest and
leisure

Article 8: Accès à l'information, au repos et
aux loisirs

Ingingo ya 9: Ubwisanzure bw’umwana mu mitekerereze, mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini

Article 9: Freedom of thought expression, conscience and religion of the child

Article 9: Liberté de pensée, d’expression, de conscience et de religion de l’enfant

Ingingo ya 10: Ubwisanzure bw’umwana bwo kwishyira hamwe n’abandi

Article 10 : Child’s freedom of association

Article 10: Liberté d’association d’un enfant

Icyiciro cya 2: Gushyira umwana ahandi arererwa

Section 2: Placement of a child in the custody of a third party

Section 2: Placement d’un enfant sous la garde d’un tiers

Ingingo ya 11: Impamvu zatuma umwana ashakirwa ahandi arererwa

Article 11: Grounds for placement of a child in the custody of a third party

Article 11: Causes de placement d’un enfant sous la garde d’un tiers

Ingingo ya 12: Inshingano yo kumenyekanisha impamvu zatuma umwana ashakirwa ahandi arererwa

Article 12: Obligation to denounce grounds for placement of a child in the custody of a third party

Article 12: Obligation de dénoncer les raisons de placement d’un enfant sous la garde d’un tiers

Ingingo ya 13: Gushakira umwana aho aba by’agateganyo

Article 13: Provisional placement of a child

Article 13: Placement provisoire d’un enfant

Ingingo ya 14: Igitekerezo cy’umwana ku birebana no gushakirwa ahandi arererwa

Article 14: Opinion of the child in placement procedure

Article 14: Opinion de l’enfant dans la procédure de placement

Ingingo ya 15: Gukomeza gushyikirana n’abagize umuryango

Article 15: Maintaining personal relations with members of the family

Article 15: Maintenir les relations avec les membres de la famille

Ingingo ya 16: Gushyira umwana mu wundi muryango arererwamo

Article 16: Placement of a child in a foster family

Article 16: Placement d’un enfant dans une autre famille d’accueil

Ingingo ya 17: Gushyira umwana mu kigo cyita ku mibereho myiza

Article 17: Placement of a child in a social welfare institution

Article 17: Placement d’un enfant dans un établissement social

Icyiciro cya 3: Kwita ku buzima n’imibereho myiza by’umwana ufite ibibazo byihariye

Section 3: Taking care of the health and the welfare of a child with special problems

Section 3: Prendre soins de la santé et du bien-être d’un enfant présentant des problèmes particuliers

Ingingo ya 18: Kwita ku mwana ufite ubumuga

Article 18: Taking care of a child with disability

Article 18: Prendre soin d'un enfant ayant un handicap

Ingingo ya 19: Umwana w'impunzi

Article 19: Refugee child

Article 19: Enfant réfugié

Ingingo ya 20: Umwana wanduye cyangwa urwaye indwara idakira

Article 20: Child infected or affected by an incurable disease

Article 20: Enfant infecté ou affecté par une maladie incurable

Ingingo ya 21: Umwana ubana na nyina muri gereza

Article 21: Child living with his/her mother in prison

Article 21: Enfant vivant avec sa mère en prison

Ingingo ya 22: Uburyo bwo kwita ku buzima n'imibereho myiza by'umwana ufite ibibazo byihariye

Article 22: Modalities for taking care of the health and welfare of a child with special problems

Article 22: Modalités de prendre soin de la santé et du bien-être de l'enfant présentant des problèmes particuliers

UMUTWE WA III: UMWANA UKURIKIRANYWE MU BUTABERA CYANGWA WAKOREWE ICYAHA

CHAPTER III: CHILD UNDER PROSECUTION OR VICTIM OF AN OFFENCE

CHAPITRE III: ENFANT POURSUIVI EN JUSTICE OU VICTIME

Ingingo ya 23: Umwana ukurikiranyweho icyaha

Article 23: Child under prosecution

Article 23: Enfant poursuivi en justice

Ingingo ya 24: Ifatwa ry'umwana n'ifungwa rye ry'agateganyo

Article 24: Arrest and a child on remand

Article 24 : Arrestation et détention provisoire de l'enfant

Ingingo ya 25: Gukemura ibibazo by'umwana bitabaye ngombwa kubinyuza mu nkiko

Article 25: Compromise on cases against a Child

Article 25: Transaction sur des cas mettant en cause un enfant

Ingingo ya 26: Kurinda imibereho bwite y'umwana ukurikiranywe mu butabera cyangwa wakorewe icyaha

Article 26 : Protection of the privacy of a child under the prosecution or victim

Article 26 : Protection de la vie privée de l'enfant poursuivi par la justice ou victime

UMUTWE WA IV: IBYAHA N'IBIHANO

CHAPTER IV: OFFENCES AND PENALTIES

CHAPITRE IV: INFRACTIONS ET PEINES

Ingingo ya 27: Guha umwana inzoga cyangwa itabi cyangwa kubimugurisha

Article 27: Offering or selling alcoholic beverages or tobacco to a child

Article 27: Offrir ou vendre les boissons alcoolisées ou du tabac à un enfant

Ingingo ya 28: Guhoza umwana ku nkeke cyangwa kumuha ibihano biremereye

Article 28: Harassing a child or imposing severe punishments on him/ her

Article 28: Harceler un enfant ou lui infliger des sanctions sévères

Ingingo ya 29: Gushora umwana mu bikorwa bya siporo bibangamira ubuzima bwe

Article 29: Involving a child in sport activities harmful to his/ her health

Article 29: Entraîner un enfant dans des activités sportives nuisibles à sa santé

Ingingo ya 30: Kwanga gutanga umwana

Article 30: Refusal to surrender a child

Article 30: Refus de remettre un enfant

Ingingo ya 31: Kwambura umwana ababyeyi be, abishingizi be cyangwa abo asanzwe abana na bo

Article 31: Taking a child from his/her parents, guardians or persons with whom he/she generally lives

Article 31: Enlèvement d'un enfant des mains de ses parents, de ses tuteurs ou de ceux avec qui il vit habituellement

Ingingo ya 32: Kwirengagiza inshingano z'umubyeyi cyangwa umwishingizi nta mpamvu

Article 32: Neglecting parental or guardian obligations without cause

Article 32: Se soustraire à ses obligations parentales ou de tuteur sans motif

Ingingo ya 33: Kwereka umwana amashusho yerekeranye n'ishimishamubiri rishingiye ku gitsina cyangwa kumwumvisha amajwi yaryo

Article 33: Showing a child pornographic images or sounds

Article 33: Montrer à un enfant des images ou des sons pornographiques

Ingingo ya 34: Gufata ishusho cyangwa amajwi by'umwana byerekeranye n'ishimishamubiri rishingiye ku gitsina

Article 34: Recording a child's pornographic picture or voice

Article 34: Enregistrement d'une image ou d'une voix d'un enfant à caractère pornographique

Ingingo ya 35: Kwamamaza amashusho yerekeranye n'ishimishamubiri rishingiye ku gitsina rikorewe ku bana

Article 35: Advertising children pornographic images

Article 35: Publicité des images à caractère pornographique mettant en scène les enfants

Ingingo ya 36: Guta cyangwa gutererana umwana

Article 36: Abandonment or neglect of a child

Article 36: Abandon ou délaissement d'un enfant

Ingingo ya 37: Gushora umwana mu busabirizi

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 38: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 39 Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 40: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 37: Engaging a child into beggary

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 38: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 39: Repealing provision

Article 40: Commencement

Article 37: Entraîner un enfant dans la mendicité

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 38 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 39: Disposition abrogatoire

Article 40: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°71/2018 RYO KU WA
31/08/2018 RYEREKEYE KURENGERA
UMWANA**

**LAW N°71/2018 OF 31/08/2018
RELATING TO THE PROTECTION OF
THE CHILD**

**LOI N°71/2018 DU 31/08/2018 RELATIVE
À LA PROTECTION DE L'ENFANT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa
25 Nyakanga 2018;

The Chamber of Deputies, in its session of 25
July 2018;

La Chambre des Députés, en sa séance du 25
juillet 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 16, iya
18, iya 19, iya 20, iya 24, iya 51, iya 64, iya 69,
iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120,
iya 168 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 16, 18, 19, 20, 24, 51, 64, 69, 70, 88,
90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses
articles 16, 18, 19, 20, 24, 51, 64, 69, 70, 88, 90,
91, 106, 120, 168 et 176;

Ishingiye ku Masezerano y'i Genève yerekeye
amategeko agenga impunzi yo ku wa 28
Nyakanga 1951, nk'uko yemejwe n'Itika rya
Perezida n° 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979;

Pursuant to the Convention of Geneva relating
to the status of the refugees of July 28, 1951,
ratified by the Presidential Order n° 29/79 of 22
October 1979;

Vu la Convention de Genève relative au statut
des réfugiés du 28 juillet 1951, ratifiée par
l'Arrêté Présidentiel n° 29/79 du 22 octobre
1979;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga
yerekeye uburenganzira ku by'ubukungu,
imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16

Pursuant to the International Covenant on
Economic, Social and Cultural Rights of 16
December 1966 ratified by the Decree - Law n°

Vu le Pacte International relatif aux droits
économiques, sociaux et culturels du 16
décembre 1966, ratifié par le Décret-loi n° 8/75

Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018

Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 10, iya 12 iya 13, iya 14, n'iya 16;	8 /75 of 12/02/1975, especially in Articles 3, 4, 5, 10, 12, 13, 14 and 16;	du 12/02/1975, spécialement à ses articles 3, 4, 5, 10, 12, 13 14 et 16;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yo ku wa 10 Nzeri 1969 agenga imiterere y'ibibazo byihariye by'impunzi muri Afurika, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 30/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, cyane cyane mu ngingo yayo ya 13;	Pursuant to the Convention of the Organization of African Unity of 10 September 1969 governing the specific aspects to the problems of the refugees in Africa, ratified by the Decree-Law n° 30/79 of 22 October 1979, especially in Article 13;	Vu la Convention de l'Organisation de l'Unité Africaine du 10 septembre 1969 régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique, ratifiée par le Décret-loi n° 30/79 du 22 octobre 1979, spécialement en son article 13;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'Umurimo n° 138 yerekeye imyaka ya ngombwa yo gutangiriraho akazi yo ku wa 26 Kamena 1973, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 416/06 ryo ku wa 7 Ugushyingo, 1980;	Pursuant to the Convention n° 138 of the International Labour Organization concerning the minimum age for admission to employment of 26 June 1973, ratified by the Presidential Order n° 416/06 of 7 November 1980;	Vu la Convention n° 138 de l'Organisation Internationale du Travail du 26 juin 1973 concernant l'âge minimum d'admission à l'emploi, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 416/06 du 07 novembre 1980;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19 Nzeri 1991;	Pursuant to the Convention of the United Nations on the rights of the child of 20 November 1989, ratified by the Presidential Order n°773/16 of 19 September 1991;	Vu la Convention des Nations Unies sur les droits de l'enfant du 20 novembre 1989, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19 septembre 1991;
Ishingiye ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo ku wa 11 Kamena 1990 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001;	Pursuant to the African Charter on the rights and welfare of the child of 11 June 1990, ratified by the Presidential Order n°11/01 of 30 May 2001;	Vu la Charte Africaine des droits et bien-être de l'enfant du 11 juin 1990, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 30 mai 2001;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'Umurimo n° 182 yo ku wa 17 Kamena 1999 yerekeye guca byihutirwa kandi burundu imirimo mibi ikoreshwa abana,	Pursuant to the Convention of the International Labour Organization n° 182 of 17 June 1999 on Prohibition and Immediate Elimination of Worst Forms of Child Labour ratified by the Presidential Order n° 39 bis/01 of 30 September	Vu la Convention de l'Organisation Internationale du Travail n° 182 du 17 juin 1999 concernant l'interdiction et l'élimination des pires formes de travail des enfants, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 39 bis/01 du 30 septembre 1999;

Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018

yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 39 bis/01 ryo 1999;
ku wa 30 Nzeri 1999;

Ishingiye ku Masezerano adahatirwa y'umugereka ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana yo ku wa 20 Gicurasi 2000, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 32/1 ryo ku wa 26 Gashyantare 2002;

Pursuant to the Optional Protocol to the Convention on the Rights of the Child of 20 May 2000 on the Sale of Children, Child prostitution and Child Pornography, ratified by the Presidential Order n° 32/1 of 26 February 2002;

Vu le Protocole facultatif à la Convention relative aux droits de l'enfant du 20 mai 2000 concernant la vente et la prostitution d'enfants et la pornographie mettant en scène des enfants, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 32/1 du 26 février 2002;

Ishingiye ku Masezerano adahatirwa y'umugereka ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'ishorwa ry'abana mu ntambara yo ku wa 25 Gicurasi 2000 arebana no gushora abana mu ntambara, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 31/01 ryo ku wa 26 Gashyantare 2002;

Pursuant to the Optional Protocol to the Convention on the Rights of the Child of 25 May 2000, on the involvement of children in armed conflict, ratified by the Presidential Order n° 31/01 of 26 February 2002;

Vu le Protocole facultatif à la Convention relative aux droits de l'enfant du 25 mai 2000, concernant l'implication des enfants dans les conflits armés, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 31/01 du 26 février 2002;

Isubiye ku Itegeko n° 54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera;

Having reviewed Law n° 54/2011 of 14/12/2011 relating to the rights and the protection of the child;

Revu la Loi n° 54/2011 du 14/12/2011 relative aux droits et à la protection de l'enfant;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko riteganyanya:

This Law determines:

La présente loi détermine:

1° uburenganzira bw'umwana bwihariye, haseguriwe ubundi burenganzira bwe buteganywa n'andi mategeko;

2° uburyo bwo kurengera umwana;

3° ibyaha n'ibihano.

Ingingo ya 2: Abo iri tegeko rireba

Iri tegeko rireba:

1° umwana w'umunyarwanda;

2° umwana w'umunyamahanga uri mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **guhoza umwana ku nkeke:** gukorera umwana igikorwa icyo aricyo cyose gifite cyangwa gishobora gutera ingaruka mbi ku buzima bwe, haba ku mubiri cyangwa ku mitekerereze cyangwa kimuvutsa uburenganzira bwe;

2° **ibihano biremereye:** ibihano bitajyanye n'ikigero cyangwa imiterere y'umwana, ibimuhahamurira cyangwa ibishobora gushyira ubuzima bwe mu kaga;

1 ° special rights of the child, subject to other rights provided for him/her by other laws;

2 ° modalities for the protection of the child;

3 ° offences and penalties.

Article 2: Scope of application of this Law

This Law applies to:

1 ° the Rwandan child;

2 ° the foreign child staying in Rwanda.

Article 3: Definitions

In this Law, the following terms have the following meanings:

1 ° **harassing a child:** any act that causes or may be harmful to the health be physical or emotional or which may deprive the child his or her rights;

2 ° **excessive punishment:** an excessive punishment imposed to a child regardless of his/her age that cause emotional suffering or may be harmful to his/her health;

1° les droits spéciaux de l'enfant, sous réserve d'autres droits prévus pour lui par d'autres lois;

2° les modalités de protection de l'enfant;

3° les infractions et les peines.

Article 2: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique à:

1 ° l'enfant rwandais;

2 ° l'enfant étranger se trouvant au Rwanda.

Article 3 : Définitions

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **harceler un enfant:** tout acte pouvant porter atteinte à l'intégrité physique ou psychologique d'un enfant ou qui le prive de ses droits;

2° **punition excessive:** des punitions excessives infligées à l'enfant sans tenir compte de son âge et qui peuvent causer des traumatismes psychologiques ou mortels pour sa santé ;

3° **ihohoterwa rikorewe mu rugo:** ibihano byo ku mubiri, by'ubunyamaswa cyangwa bitesha agaciro, ibikorwa by'ihohotera rishingiye ku gitsina, ivangura, iyicarubozo, guhutazwa ku mubiri cyangwa mu mitekerereze, kutitabwaho, gushakira inyungu ku mwana cyangwa kumutererana bikozwe n'umubyeyi cyangwa ababyeyi, uwishingiye umwana cyangwa undi muntu uwo ari we wese umufiteho ububasha ahabwa n'amategeko;

4° **ikigo cyita ku mibereho myiza:** ikigo cya Leta cyangwa icyigenga gishinzwe kwakira abana, kubarinda no kubarengera mu buryo buteganywa n'amategeko;

5° **Minisitiri:** Minisitiri ufite abana mu nshingano ze;

6° **umwana:** umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

3 ° **domestic violence:** excessive punishment, inhuman or degrading treatment, sexual violence, discrimination, torture, physical or mental violence, negligence, exploitation or abandonment of the child done by his/her parent, his/her guardian or any other person legally responsible for the child;

4 ° **social welfare institution:** a public or private institution that caters for children and provide them with the protection in accordance with the law;

5 ° **Minister:** Minister in charge of children;

6 ° **child:** any person under eighteen (18) years of age.

3° **violence domestique:** des punitions corporelles excessives, inhumaines ou dégradantes, des actes de violences sexuelles, discrimination, y compris les actes de torture, de brutalité physique ou mentale, de négligence, d'exploitation ou d'abandon d'enfant fait par le ou les parents, le tuteur ou toute autre personne qui exerce sur lui l'autorité légale;

4° **établissement social public:** un établissement public ou privé qui accueille les enfants et leur assure la protection conformément à la loi;

5° **Ministre:** Ministre ayant les enfants dans ses attributions;

6° **enfant:** toute personne âgée de moins de dix-huit (18) ans.

UMUTWE WA II: KURENGERA UMWANA

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bwihariye bw'umwana

Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'umwana ku mikurire iboneye

Umwana afite uburenganzira ku mikurire iboneye.

Buri mubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana kuva agisamwa kugira ngo agire imikurire iboneye.

By'umwihariko, Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga ishyirwa mu bikorwa rya gahunda mbonezamikurire y'umwana muto.

Ingingo ya 5: Kureshya kw'abana

Abana bose barengerwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose. Icyakora, ibyemezo n'ingamba byihariye bifatiwe abana bafite ibibazo byihariye ntibifatwa nk'ivangura.

Ingingo ya 6: Ubwishingizi bw'indwara

Umwana wese uri mu Rwanda ashakirwa ubwishingizi bw'indwara hakurikijwe amategeko abigenga.

CHAPTER II: PROTECTION OF THE CHILD

Section One: Special rights of the child

Article 4: Right of the child to early adequate development

The child has right to adequate development.

Every parent has the responsibility to care for the child as of conception to ensure appropriate child development.

Particularly, an Order of the Minister establishes the regulations on the implementation of the early childhood development program.

Article 5: Equality of children

All children are provided with equal protection without any discrimination. However, the adoption of special measures and strategies for children with specific problems is not considered to be a form of discrimination.

Article 6: Medical insurance

Every child who is in Rwanda must be affiliated to a medical insurance in accordance with relevant laws.

CHAPITRE II: PROTECTION D'UN ENFANT

Section première: Droits spéciaux de l'enfant

Article 4: Droit de l'enfant au développement adéquat

L'enfant a droit au développement adéquat.

Tout parent a l'obligation de prendre soin de l'enfant dès la conception pour lui assurer un développement adéquat.

En particulier, un arrêté du Ministre établit les règles de mise en exécution du programme de développement de la petite enfance.

Article 5: Égalité des enfants

Tous les enfants bénéficient d'une protection égale, sans discrimination aucune. Toutefois, l'adoption des mesures et stratégies particulières au profit des enfants ayant des problèmes spécifiques n'est pas considérée comme une forme de discrimination.

Article 6: Assurance maladies

Tout enfant se trouvant au Rwanda doit être affilié à une assurance maladie conformément à la législation en la matière.

Leta itangira abana b'imfubyi batishoboye n'abandi bana batagira kivurira amafaranga y'ubwishingizi bw'indwara, byemejwe n'urwego rw'ibanze rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 7: Uburenganzira bw'umwana bwo gusuzumishwa no kuvuzwa

Buri mubyeyi cyangwa undi muntu wese ufite ububasha ku mwana ku bw'itegeko afite inshingano yo kumusuzumisha no kumuvuza.

Ingingo ya 8: Kubona amakuru, kuruhuka no kwidagadura

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ababyeyi na Leta bafite inshingano yo guha umwana amakuru akwiye ku buzima bwe n'imibereho myiza ye, kumuha ikiruhuko gikwiye no kumuha umwanya wo kwidagadura, hashingiwe ku kigero arimo no ku bushobozi bw'ababyeyi n'ubwa Leta.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo bishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 9: Ubwisanzure bw'umwana mu mitekerereze, mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini

Bitewe n'ikigero agezemo, umwana afite uburenganzira ku bwisanzure mu mitekerereze,

The State pays medical insurance fees for orphans and other vulnerable children upon approval by competent local government authority.

Article 7: Right of the child for medical examination and treatment

Every parent or any other person having a legally recognised authority over a child has an obligation to get him/her to medical examination and treatment.

Article 8: Access to information, rest and leisure

Without prejudice to the provisions of other laws, parents and the State have the duty to provide the child with suitable information to his/her life and welfare and to ensure that he or she has sufficient adequate rest and leisure compatible with his/her age and within the limits of the means of the parents and that of the State.

An Order of the Minister determines modalities for application of the provisions of Paragraph One of this article.

Article 9: Freedom of thought, expression, conscience and religion of the child

Depending on his/her age and level of understanding, the child has right to freedom of

L'État paie les frais d'assurance maladies pour les enfants orphelins et les autres enfants vulnérables après l'approbation de l'autorité locale compétente.

Article 7: Droit de l'enfant à la consultation médicale et au traitement

Chaque parent ou toute personne ayant autorité légale sur l'enfant a l'obligation de le faire consulter et de le faire soigner.

Article 8: Accès à l'information, au repos et aux loisirs

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, les parents et l'État ont l'obligation de pourvoir à l'enfant une information appropriée à sa vie et à son bien-être et de veiller à ce qu'il bénéficie d'un repos suffisant et des loisirs adaptés à son âge, et ce, dans les limites des moyens de ses parents et ceux de l'État.

Un arrêté du Ministre détermine des modalités de mise en application des dispositions du premier alinéa du présent article.

Article 9: Liberté de pensée, d'expression, de conscience et de religion de l'enfant

Selon la catégorie d'âge, l'enfant a droit à la liberté de pensée, d'expression, de conscience

mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini abigiriwemo inama kandi abiyobowemo n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we.

Ingingo ya 10: Ubwisanzure bw'umwana bwo kwishyira hamwe n'abandi

Umwana afite uburenganzira ku bwisanzure bwo kwishyira hamwe n'abandi no guteranira mu nama abigiriwemo inama kandi abiyobowemo n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we, hakurikijwe amategeko.

Icyiciro cya 2: Gushyira umwana ahandi arererwa

Ingingo ya 11: Impamvu zatumye umwana ashakirwa ahandi arererwa

Nta mwana ugomba gutandukanywa n'umuryango we nta mpamvu.

Ku bw'inyungu ze, umwana ashobora kwamburwa umubyeyi we, umwishingizi cyangwa undi wese umufiteho ububasha mu buryo buteganywa n'amategeko agashyirwa ahandi arererwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° ihohoterwa rikorewe mu rugo;
- 2° ibikorwa bibi;
- 3° kudashobora kumurera kubera

thought, expression, conscience and religion upon advice and guidance by his / her parents or guardian.

Article 10: Child's freedom of association

A child has the right to freedom of association and of peaceful assembly upon advice and guidance by his/her parents or guardian in accordance with the law.

Section 2: Placement of a child in the custody of a third party

Article 11: Grounds for placement of a child in the custody of a third party

A child must not be arbitrarily separated from his/her family.

For the best interest of the child, parent, guardian or any other person legally responsible for the child may be deprived of the right to custody of the child for the child to be placed in the custody of a third party due to one of the following reasons:

- 1° domestic violence;
- 2° mistreatments;
- 3° incapacities to provide him/her with

et de religion sur conseils de ses parents ou du tuteur.

Article 10: Liberté d'association d'un enfant

L'enfant a le droit à la liberté d'association et de réunion qu'il exerce sur conseils de ses parents ou du tuteur conformément à la loi

Section 2: Placement d'un enfant sous la garde d'un tiers

Article 11: Causes de placement d'un enfant sous la garde d'un tiers

Aucun enfant ne doit être arbitrairement séparé de sa famille.

Pour l'intérêt supérieur de l'enfant, un parent, un tuteur ou toute autre personne légalement responsable de l'enfant peut être déchu du droit de garde de l'enfant et l'enfant peut être placé sous la garde d'un tiers pour une des raisons suivantes:

- 1° violence domestique;
- 2° mauvais traitements;
- 3° incapacité de l'éduquer suite à une

uburwayi bwo mu mutwe;

education following mental disability;

incapacité mentale;

4° kwamburwa ububasha bwa kibyezi.

4° being deprived of parental authority.

4° déchéance de l'autorité parentale.

Ingingo ya 12: Inshingano yo kumenyekanisha impamvu zatumye umwana ashakirwa ahandi arererwa

Article 12: Obligation to denounce grounds for placement of a child in the custody of a third party

Article 12: Obligation de dénoncer les raisons de placement d'un enfant sous la garde d'un tiers

Umwana ukorerwa ibivugwa mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° tw'igika cya kabiri cy'ingingo ya 11 y'iri tegeko, afite uburenganzira bwo kubimenyesha urwego rufite ububasha bwo gushyira abana ahandi barererwa cyangwa urundi rwego rw'ubuyobozi bumuri hafi.

A child victim of the facts mentioned under items 1°, 2° and 3° of Paragraph 2 of article 11 of this Law, has the right to denounce them to the authority in charge of placement or to the other nearest administrative organ.

Un enfant victime des faits visés aux points 1°, 2° et 3° de l'alinéa 2 de l'article 11 de la présente loi a le droit de les dénoncer auprès de l'autorité compétente en matière de placement ou auprès de l'autre organe administratif le plus proche.

Abagize umuryango n'undi muntu wese uba mu rugo cyangwa undi wese wamenye ihohoterwa cyangwa ibikorwa bibi bikorerwa umwana, bafite inshingano yo kubimenyesha urwego rubifitiye ububasha, urwego rw'ubuyobozi rumuri hafi cyangwa urwego rwa Polisi y'u Rwanda rubari hafi.

The members of the family and any other person living in the family or any other person knowing that the child is a victim of violence or mistreatments have the obligation to denounce them to the competent authority, to the other nearest administrative organ or to the nearest organ of Rwanda National Police.

Les membres de la famille et toute autre personne vivant dans la famille ou toute autre personne ayant une connaissance de ce que l'enfant est victime des violences ou mauvais traitements, ont l'obligation de les dénoncer auprès de l'autorité compétente, de l'autre organe administratif le plus proche ou l'organe de la Police Nationale du Rwanda le plus proche.

Ingingo ya 13: Gushakira umwana aho aba by'agateganyo

Article 13: Provisional placement of a child

Article 13: Placement provisoire d'un enfant

Urwego rw'Igihugu rufite abana mu nshingano zarwo rushaka amakuru ku ihohoterwa cyangwa ibikorwa bibi bikorerwa umwana.

The national organ in charge of children collects information about the acts of violence or mistreatments committed against the child.

L'organe national ayant les enfants dans ses attributions recueille des informations sur les actes de violence ou les mauvais traitements commis contre l'enfant.

Rushingiye ku makuru rwabonye, urwego rw'Igihugu rufite abana mu nshingano zarwo rushobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha

Based on information gathered, the national organ in charge of children may request from

Sur la base des informations recueillies, l'organe national ayant les enfants dans ses attributions peut demander à la juridiction

ko umwana akurwa by'agateganyo aho arererwa.

Byemejwe n'urukiko rubifitiye ububasha, urwego rw'Igihugu rufite abana mu nshingano zarwo rukura umwana mu muryango by'agateganyo rukamuha undi muryango cyangwa ikigo cyita ku mibereho myiza y'abana cyiteguye kumwakira by'agateganyo.

Icyakora, iyo bigaragara ko gutegereza icyemezo cy'urukiko gishyira umwana aho aba by'agateganyo bishobora gushyira mu kaga ubuzima bwe, urwego rw'Igihugu rufite abana mu nshingano zarwo, rufatanyije n'inzego z'ibanze, rumushakira aho aba ku buryo bwihuse, mbere y'uko rubisaba urukiko.

Muri icyo gihe urwo rwego rushyikiriza ikirego urukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi uherye igihe rwafatiye icyemezo cyo gushakira umwana aho aba by'agateganyo. Icyo kibazo gisuzumwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

Ingingo ya 14: Igitekerezo cy'umwana ku birebana no gushakirwa ahandi arererwa

Umwana afite uburenganzira bwo gukurikiranira hafi igikorwa cyose kigamije kumutandukanya n'umuryango we cyangwa umurera kandi akagitangaho igitekerezo.

the competent court permission to provisionally take the child away from the custodial family.

Upon approval by the competent court, the national organ in charge of children, provisionally takes the child away from the custodial family and places him/her in another family or in a social welfare institution willing to provisionally receive him/her.

However, in case where waiting for the decision of the court on provisional placement of a child may dangerously be harmful to his/her health, the national organ in charge of children, in collaboration with local government authorities, promptly finds a place for the residence of the child, before making the request for placement to the court.

In this case, the organ files the case to the competent court within seven (7) working days from the decision of the provisional placement of the child. Such an issue is considered by summary proceedings.

Article 14: Opinion of the child in placement procedure

The child has the right to attend any proceeding aimed at separating him/her from his/her family or his/her guardian and give his/her opinion.

compétente l'autorisation de soustraire provisoirement l'enfant à la garde de sa famille.

Sur approbation de la juridiction compétente, l'organe national ayant les enfants dans ses attributions soustrait provisoirement l'enfant à la garde de la famille et le place sous la garde d'une autre famille ou d'un établissement social disposé à l'accueillir provisoirement.

Toutefois, lorsque l'attente de la décision d'une juridiction de placement provisoire de l'enfant peut mettre sa vie en danger, l'organe national ayant les enfants dans ses attributions cherche rapidement, en collaboration avec les autorités locales, le lieu où l'enfant doit résider, avant d'introduire auprès de la juridiction la demande de placement.

Dans ce cas, l'organe introduit la demande auprès de la juridiction compétente dans les sept (7) jours ouvrables suivant la prise de décision de placement provisoire de l'enfant. Une telle question est examinée par voie de référé.

Article 14: Opinion de l'enfant dans la procédure de placement

L'enfant a le droit d'assister à toute la procédure visant à le séparer de sa famille ou de son tuteur et de donner son opinion.

Kumva ibitekerezo by'umwana bishobora gukorwa ku buryo butaziguye cyangwa buziguye yunganirwa n'umuhanga mu by'imitekerereze n'imyumvire cyangwa undi muntu mukuru umwana yihitiyemo.

The hearing of the child may be done directly or indirectly through a psychologist, a psychosocial assistant or any adult of his/her choice.

L'écoute de l'enfant peut se faire directement ou indirectement sous l'assistance d'un psychologue ou d'un assistant psychosocial ou d'une autre personne adulte de son choix.

Ingingo ya 15: Gukomeza gushyikirana n'abagize umuryango

Article 15: Maintaining personal relations with members of the family

Article 15: Maintenir les relations avec les membres de la famille

Umwana washyizwe ahandi arererwa afite uburenganzira bwo gushyikirana no kubonana ku buryo butaziguye n'ababyeyi be, abo bafitanye isano, umwishingizi we, umufiteho ububasha mu buryo buteganywa n'amategeko cyangwa undi muntu wese mu gihe bikenewe kandi bitabangamiye inyungu z'umwana.

A child in placement has the right to maintain personal relations and to directly contact his/her parents, relatives, guardian, the person legally responsible for him/her, or any other person where necessary and not contrary to the best interest of the child.

L'enfant en placement a le droit d'entretenir des relations personnelles et de rencontrer directement ses parents, les membres de sa famille, son tuteur, la personne légalement responsable ou toute autre personne en cas de besoin si cela ne compromet pas ses intérêts.

Ingingo ya 16: Gushyira umwana mu wundi muryango arererwamo

Article 16: Placement of a child in a foster family

Article 16: Placement d'un enfant dans une autre famille d'accueil

Umwana udafite umuryango, ashirwa mu wundi muryango arererwamo.

A child deprived of family is placed in a foster family.

L'enfant privé de famille est placé dans une autre famille d'accueil.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo gushakira umwana undi muryango arererwamo bikorwa.

An Order of the Minister determines the modalities for placement in a foster family.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de placement d'un enfant dans une autre famille d'accueil.

Ingingo ya 17: Gushyira umwana mu kigo cyita ku mibereho myiza

Article 17: Placement of a child in a social welfare institution

Article 17: Placement d'un enfant dans un établissement social

Umwana ashirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza n'urwego rubifitiye ububasha iyo:

A child is placed in a social welfare institution by the competent authority if:

Un enfant est placé dans un établissement social par l'autorité compétente si:

1° yabuze ababyeyi akaba atarabona undi muryango umwakira;

1° he/she is deprived of his/her parents and has not yet found a foster family;

1° il est privé de ses parents et n'a pas encore trouvé une famille d'accueil;

Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018

2° yavukiye muri gereza, yakuzuza imyaka itatu (3) y'amavuko ntabone abo bafitanye isano bamwakira;	2 ° he/she is born in prison and at three (3) years of age none of his/her relatives has accepted to receive him/her;	2° il est né en prison et, à l'âge de trois (3) ans, aucune personne de sa parenté n'a voulu le recevoir;
3° urukiko rwafashe icyemezo cy'uko umwana ashwirwa ahandi arererwa ariko akaba atarabona undi muryango umwakira;	3 ° the court has ordered the placement of the child but another foster family is not yet found for him/her;	3° la juridiction a ordonné le placement de l'enfant, mais une autre famille d'accueil ne lui est pas encore trouvée;
4° ari inzererezi cyangwa asabiriza mu gihe hagishakishwa ababyeyi be;	4 ° he/she is a vagrant or a beggar while procedures to identify his/her parents are still in process;	4° il est vagabond ou mendiant lorsque la procédure d'identifier ses parents est en cours;
5° hari impamvu igaragaza ko umwana afite ibibazo byihariye kandi adafite umuryango witeguye kumwakira.	5 ° there are sound reasons indicating that the child is facing specific problems and no family is ready to receive him/her.	5° il existe des raisons qui indiquent que l'enfant a des problèmes particuliers et qu'il n'y a aucune famille qui est prête pour l'accueillir.
Ikigo cyita ku mibereho myiza gishobora gucumbikira by'agateganyo umwana usaba ubuhungiro mu gihe hagitegerejwe ko ashakirizwa urwego rw'Igihugu rushinzwe imicungire y'impunzi mu nshingano zarwo ngo rumugenere aho aba.	A social welfare institution may temporarily host a child seeking for asylum waiting for referring him/her to the national organ in charge of refugees in order to get for him/her a shelter.	Un établissement social peut provisoirement héberger un enfant demandeur d'asile en attente d'être référé à l'organe national chargé des réfugiés pour lui trouver un abri.
Kuba umwana yashyizwe mu kigo cyita ku mibereho myiza, ntibivanaho ko urwego rubashinzwe rukomeza kumushakira umuryango arererwamo.	The fact that a child is placed in a social welfare institution does not relieve the relevant authority of the duty to look for the child's foster family	Le fait que l'enfant est placé dans un établissement social n'empêche pas l'autorité compétente de continuer à lui chercher une famille d'accueil.
Iteka rya Minisitiri rigena uko ibigo byita ku mibereho myiza bishyirwaho, ibyo bigomba kubahiriza n'uburyo ubugenzuzi bwabyo bukorwa.	An Order of the Minister determines modalities for creation of social welfare institutions, requirements to be met by those institutions and modalities for their supervision.	Un arrêté du Ministre fixe les modalités de création des établissements sociaux, les directives à suivre par ces établissements ainsi que les modalités de leur contrôle.

Icyiciro cya 3: Kwita ku buzima n'imibereho myiza by'umwana ufite ibibazo byihariye

Ingingo ya 18: Kwita ku mwana ufite ubumuga

Umubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana ufite ubumuga.

